Rwanda Meteorology Agency

Kigali kuwa……/…../

ITANGAZO RIGENEWE ABATURARWANDA

Ikigo cy'Igihugu cy'Ubumenyi bw'Ikirere (METEO RWANDA) gishingiye ku bipimo by'ikirere cy'u Rwanda byafashwe ku wa 22-23 Kanama 2018, kinejejwe no kumenyesha Abaturarwanda ko ikirere cyacu cyagushije imvura y'umunsi ihagije hafi mu turere twose tw'igihugu.

Hashingiwe ku iteganyagihe ryo ku wa 22 rishyira kuwa 23 Kanama_2018 hagati ya 18:00 na 06:00 hari hateganyijwe imvura mu turere twa Nyagatare na Gatsibo mu Ntara y'iburasizuba ,mu majyaruguru mu turere twa Musanze, Gicumbi na Burera, mu turere twose tw'intara y' iburengerazuba n'intara y'amajyepfo mu turere twa nyanza na Nyamagabe ahandi hose hasigaye hateganyijwe ibicu byiganje.

Ibipimo bikababa biteye ku buryo bukurikira



Rwanda Meteorology Agency

Kugeza mu mpera z'ukwezi kwa Kanama hateganijwe ikirere gihehereye kizatanga imvura mu buryo bukurikira:

Mu ntara y'Iburasirazuba n'iy'Amajyepfo: Hateganyijwe imvura iringaniye hagati y'italiki ya 23 na 24 Kanama ndetse no kuva ku ya 28 kugeza kuri 29. Naho mu minsi isigaye hateganyijwe urunyurane rw'izuba n'ibicu.

Intara y'Iburengerazuba n'Iy'Amajyaruguru: Hateganyijwe imvura iringaniye hagati ya 23 kugera 25 Kanama izaba ari nyinshi taliki ya 23 ugereranyije nindi minsi. Imvura ikaba uteganijwe kongera kugwa taliki ya 29 na 30 Kanama.

Umujyi wa Kigali: Hateganyijwe imvura nke kuva taliki ya 23 kugera 25 Kanama na taliki ya 28 na 29 Kanama

Ku byerekeye Ubuhinzi n'Ubworozi n'indi mirimo ikoresha amakuru y'iteganayagihe n'ay'ubumenyi bw'ikirere muri rusange, turabamenyesha ko Iteganyagihe ry'imvura y'Umuhindo mu mezi ya Nzeri kugeza Ukuboza, biteganijwe ko rizatangazwa muri rusange mu cyumweru gitaha.

Umuntu wese ibisobanuro byimbitse ashobora guhamagara kuri nomero itishyurwa ya 6080 (MTN) cyangwa akohereza ubutumwa kuri email ya Meteo Rwanda ikurikira: info@meteorwanda.gov.rw n'imbuga nkoranyambaga @MeteoRwanda (Twitter), 0787958603 (WhatsApp).

Tuzakomeza kubagezaho imihandugurikire y'ikirere umunsi ku munsi.

Mugire amahoro

John NTAGANDA SEMAFARA
UMUYOBOZI MUKURU
METEO RWANDA